NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

AMABWIRIZA AJYANYE NO KWIYANDIKISHA GUKORA IBIZAMINI BYA LETA, UMWAKA WA 2021

A. Igihe cyo kwandika abakandida

Kwandika abanyeshuri bazakora ibizamini bya Leta 2021, ku byiciro byose bizatangira tariki ya 15/3/2021 bizarangire kuri 30/03/2021.

B. Ni ndewemerewe kwiyandikisha nk'umukandida mu bizaminibya Leta, 2021?

Umukandida wandikwa gukora ikizamini cya Leta mu kiciro runaka agomba kuba ageze mu mwaka wa nyuma w'icyo kiciro mu gihe cyo kwiyandikisha, kandi yarize neza imyaka iwubanziriza. Ku mashuri yisumbuye hatangwa indangamanota z'imyaka 2 ibanziriza uwo arimo, by'umwihariko:

1. Umukandida ugeze muri P6 wemerewe kwiyandikisha agomba kuba yarize neza kuva muri P1 kugeza muri P6 nta mwaka numwe asimbutse.

2. Umukandida ugeze muri S3 wemerewe kwiyandikisha agomba kuba yarize neza kuva muri S1 kugeza muri S3 nta mwaka numwe asimbutse. Agomba kandi kwishyura 3000frw yo kwiyandikisha

3. Umukandida ugeze muri S6/Level 5 wemerewe kwiyandikisha mu ishami iryo ariryo ryose agomba kuba yarize neza iryo shami kuva muri S4 kugeza muri S6 atarahinduye cyangwa ngo asimbuke umwaka. Agomba kugaragaza icyemezo cy'amanota y'ikizamini cya Leta cya O-Level. Result slip zitagaragaza aggregates umwana yagize muri S3 zirakirwa ntayandi mananiza. Agomba kandi kwishyura 3000frw yo kwiyandikisha.

Ibireba ubuyobozi bw'ishuri:

1. Ubuyobozi bw'ishuri ni bwo bwandikisha abanyeshuri bazakora ibizamini bya Leta, haba mu mashuri abanza cyangwa ayisumbuye.

2. Kwandika abanyeshuri bazakora ibizamini bikorwa binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga gusa muri SDMS (online registration) kandi abakandida baba basanzwe banditse muri SDMS buri wese agaragazwa n'ifoto ye ngufi.

3. Ubuyobozi bw'ishuri burasabwa rero kuzuza izo fishi zo mu ikoranabuhanga (online registration forms), ibisabwa byose bikuzuzwa mu buryo bukwiye, kandi bikoherezwa bimaze kugenzurwa neza.

4. Umwirondoro w'umukandida ugomba kuba wuzuye kandi ukandikwa mu buryo bukwiye butanyuranye n'ibigaragara mu gitabo k'irangamimerere. Muri rusange ku byiciro byose, hakenerwa ifoto, amazina y'umukandida, ay'ababyeyi, cyangwa ay'umurera igihe ababyey bitabye Imana, igihe yavukiye, nimero y'irangamuntu y'umwe mu babyeyi, aho batuye (akarere, umurenge, akagali), nimero y'irangamuntu na telefoni by'umwe mu babyeyi.

5. Nimero umukandida azakoreraho ikizamini ihita itangwa na systeme ya SDMS. Igihe NESA imaze gukora "approval", buri shuri rihita risohora mu mashini amafishi y'abakandida bose (printing of registration forms) akabikwa neza.

6. Abakandida bahuje amazina yose bahabwa nimero zidakurikiranye kugirango bitazateza ibibazo mu gihe cyo kwandika amanota.

7. Muri buri Karere, NESA yohereje umukozi wayo uzafasha amashuri yo muri ako karere gutunganya neza igikorwa cya online registration".

8. Abashinzwe uburezi ku mirenge (Sector Education Inspectors) basabwe nabo gukurikirana umunsi ku wundi iki gikorwa, ndetse baka raporo buri shuri kugirango hatazagira umunyeshuri n'umwe usigara atanditse. Ba SEOs bazahabwa amahugurwa kuri icyo gikorwa kugirango babashe kugikurikirana neza.

9. Abashinzwe uburezi mu turere barasabwa nabo gukurikirana iki gikorwa bafatanyije n'umukozi wa NESA uzaba uri mu karere.

10. Amashuri ya TTC arasabwa gufasha abakandida bigenga bazakora muri TTC ku bijyanye n'amasomo ngiro kandi akazaborohereza mu gihe cyo gukora ibizamini bya Leta kuko ariho hateganyijwe ko bazabikorera. **Umukandida wigenga wemerewe kwiyandikisha muri TTC ni usubiramo ikizamini cya Leta gusa, ashaka kubona amanota yisumbuye kuyo yariyarabonye akora TTC bwa mbere.**

Bikorewe i Kigali, kuwa .../03/2021

Dr. BAHATI Bernard
Umuyobozi Mukuru

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

Timeline for registration

	Activity	Timeline	Responsible
1	Real registration	15 – 30/3/2021	Schools
2	Validation of registration files	25/3 – 15/4/2021	NESA
3	Printing of registration forms	25/3 – 30/4/2021	Schools
4	Preparation of examination centres	1 – 20/4/2021	DEEs

National Examination and School Inspection Authority
P.O. BOX 1382, Kigali, Rwanda
info@nesa.gov.rw
www.nesa.gov.rw